Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi

# Sobanukirwa Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2025/2026



"Ingengo y'Imari yawe, ijwi ryawe, ejo heza hawe."

# Ijambo rya Minisitiri

**Banyarwanda,**



Nejejwe no kubagezaho agatabo kabafasha gusobanukirwa Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2025/2026. Aka gatabo ni ingenzi mu gukomeza kwimakaza amahame yo gukorera mu mucyo, kubazwa inshingano no kugaragaza uruhare rwa buri wese rwo gutanga ibitekerezo mu itegurwa ry' ingengo y'imari. Ibi birashimangira ubushake bwacu ko buri muturage wese amenya kandi akagira uruhare rugaragara mu iterambere ry'igihugu.

Insanganyamatsiko y'Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2025/2026 ni: ***"Kwihutisha iterambere ry'ubukungu budaheza ku guhuriza hamwe umutungo n'imari by'imbere mu gihugu no kubishora mu bikorwa by'ingenzi mu buryo burambye hagamijwe guhanga imirimo mishya no kuzamura imibereho myiza y'abaturage".*** Ikaba yaratoranyijwe n'Inama y'Abaminisitiri b'Imari b'Ibihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, mu rwego rwo gushimangira ingamba zihuriweho nk'akarere zigamije kwihutisha ubukungu no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

Ingengo y'Imari y'uyu mwaka yateguwe ijyanye na Gahunda ya kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST 2) hamwe n'Icyerekezo 2050. Izibanda cyane ku kongera umusaruro w'inzego z'ingenzi harimo urwego rw'ubuhinzi, urw'ingufu, urw'ubucuruzi n'inganda, urw'uburezi, urw'ubuvuzi ndetse n'urw' imibereho myiza y'abaturage. Gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda zigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere, kugabanya ibyuka bihumanya ikirere no gukomeza gutanga serivisi inoze mu nzego zose za Leta ku banyarwanda bose.

Aka gatabo gakubiyemo incamake y'imiterere y'ubukungu bw'igihugu cyacu hamwe n'ingamba z'igihe giciriritse z'ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026, uburyo amafaranga yasaranganyijwe mu ngengo y'imari, ishoramari mu bikorwa by'ingenzi mu kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'uburyo abaturage bagira uruhare mu igenamigambi no kurishyira mu bikorwa.

Ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026 ingana na Miliyari **7,032.5** z'amafaranga y'u Rwanda, ikaba iziyongeraho agera kuri Miliyari **1,216.1** bingana na 20.9% ugereranyije na Miliyari **5,816.4** yari mu ngengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2024/2025. Amafaranga akomoka imbere mu gihugu azagera kuri Miliyari **4,295.5** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na 61% by'ingengo y'imari yose, naho amafaranga aturuka hanze y'igihugu angana na Miliyari **2,151.9** z'amafaranga y'u Rwanda bingana na 31% by'ingengo y'imari yose azaturuka mu nguzanyo z'amahanga, naho **Miliyari 585.2 z'amafarangu y'u Rwanda** angana na **8%** by'ingengo y'imari yose akazaturka ku nkunga z'amahanga. Ibi biragaragaza uburyo dukomeje gutera intambwe mu kwigira mu rwego rw'ubukungu aho **92%** by'ingengo y'imari yose ateganyijwe guturuka imbere mu gihugu wongeyeho inguzanyo z'amahanga tuzishyura.

Amafaranga yose ateganyijwe gukoreshwa mu Ngengo y'Imari ya 2025/2026 agera kuri Miliyari **7,032.5** z'amafaranga y'u Rwanda. Akaba agizwe na Miliyari **4,352.9** z'amafaranga y'u Rwanda azakoreshwa **mu ngengo y'imari isanzwe** bingana na **62%**, na miliyari **2,679.6** z'amafaranga y'u Rwanda azakoreshwa **mu ngengo y'Imari y'iterambere** bingana na **38%** izibanda cyane cyane mu iterambere ry'ibikorwaremezo, kwihutusha iterambere ry'urwego rutanga umusaruro ndetse no kongerera ubushobozi abakozi.

Mu gihe tuzaba dushyira mu bikorwa iyi ngengo y'imari, nongeye gushishikariza abaturage bose kugira uruhare rufatika mu gukurikirana no gusuzuma gahunda n'imishinga bya leta ku nzego zose. Ijwi ryawe ni ingirakamaro mu gukomeza kubaka u Rwanda twifuza rutanga amahirwe angana kuri buri wese.

**Ndabashimiye**

**Yusuf MURANGWA**
**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi**

# 1 Intangiriro

## 1.1 Intego yo gutegura agatabo gasobanurira umuturage ingengo y'imari

Agatabo k'umuturage gategurwa mu buryo bw'incamake kandi bworoheje mu ndimi eshatu: Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa hagamijwe gusobanura uburyo Guverinoma ikusanya amafaranga, n'uburyo iyasaranganya mu bikorwa by'ingenzi byemeranyijweho mu gihe cyo gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari.

Intego y'aka gatabo ni ukongerera ubumenyi umuturage ku bijyanye no gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari ndetse no kuzamura uruhare rwe mu igenamigambi no gushyira mu bikorwa ibikorwa by'ingenzi byatoranyijwe ndetse no gutanga ibitekerezo binyuze mu buryo bwashyizweho bw'ikurikiranabikorwa n'isuzuma.

## 1.2 Ingengo y'imari ya Leta n'ibiyigize

Ingengo y'imari iteganwa n' ingingo ya 163 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ndetse n'ibiteganywa n'Itegeko Ngenga ryerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta N° 002/2022.OL ryo ku wa 12/12/2022. Ingengo y'imari ikubiyemo amafaranga yose ateganyijwe kwinjizwa no gukoreshwa n'ibigo bya Leta mu rwego rwo kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza binyuze mu bikorwa by'ingenzi byatoranyijwe ku rwego rw'igihugu.






# 1.3 Itegurwa ry' igenamigambi n'ingengo y'imari

Itegurwa ry'igenamigambi n'ingengo y'imari mu Rwanda bihurizwa hamwe ku nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta ndetse no ku nzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage. Iri tegurwa rikorwa mu byiciro bitandukanye bishishikariza abaturage n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye kugira uruhare mu gutoranya ibikorwa by'ingenzi ku rwego rw'igihugu bihuje n'intego za Gahunda ya kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST 2). Ni byiza ko buri muturage n'abafatanyabikorwa batandukanye basobanukirwa uburyo bikorwamo n'uruhare bagomba kugira.

## Ku rwego rw'Inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta

| S/N | INTAMBWE | IGIHE NTARENGWA | ABAFATANYABIKORWA BABIGIRAMO URUHARE |
|---|---|---|---|
| 1 | Guhitamo ibikorwa by'ingenzi byihutirwa kurusha ibindi ku rwego rw'igihugu | Nzeri - Ukuboza | Abaturage, ibigo bya Leta, sosiyete sivili, urwego rw'abikorera n' abafatanyabikorwa mu iterambere |
| 2 | Gutegura imibare y'ikigereranyo cy'ingengo y'imari mu gihe giciriritse ku rwego rw'igihugu | Mutarama - Gashyantare | Minisiteri y'imari n'igenamigambi (MINECOFIN) |
| 3 | Gutegura ingengo y'imari ya buri rwego n'ikigereranyo cy'ingengo y'imari y'igihe giciriritse | Gashyantare - Werurwe | Ibigo bya Leta bigenerwa ingengo y'imari |
| 4 | Gutegura no kohereza imbanziriza mushinga n' umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta mu Inteko Ishinga Amategeko | Mata - Kamena | Minisiteri y'imari n'igenamigambi (MINECOFIN) |
| 5 | Ishyirwa mu bikorwa, gutanga raporo n'ubugenzuzi | Nyakanga - Kamena | Minisiteri y'imari n'igenamigambi, ibigo bya Leta bigenerwa ingengo y'imari, Inteko Ishinga amategeko, na sosiyete sivili. |

## Ku rwego rw'Inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage



**Inteko z'Abaturage**

Umukuru w'umudugudu ahamagarira abaturage kwitabira inteko z'abaturage ku rwego rw'umudugudu. Abaturage bagatanga ibitekerezo ku bizitabwaho mu gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari y'akarere.



**Umuganda**

Abaturage bitabira gahunda z'umuganda rusange bakaganira aho ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'imishinga bikubiye mu ngengo y'imari rigeze.



**Inama Njyanama y'akagari, Umurenge n'akarere**


Abaturage begera inama njyanama ku nzego zitandukanye kugira ngo haganirwe ku bikorwa by'ingenzi byakwitabwaho mu ngengo y'imari y'umwaka utaha. Bagaragaza kandi impungenge ku byagira imbogamizi mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'uwo mwaka.

# 2 Imiterere y'ubukungu n'amavugurura muri Politiki y'imisoro

## 2.1 Izamuka ry'umusaruro mbumbe w'igihugu

Ubukungu bw'Igihugu cyacu bukomeje kuzamuka ku gipimo gishimishije ugereranyije n'uko byari byitezwe. Umusaruro mbumbe wazamutse ku gipimo cya 8.9% mu mwaka wa 2024 bitewe ahanini n'umusaruro mwiza w'urwego rw'inganda wagizemo uruhare rwa 10% n'urwego rwa serivisi narwo rugira uruhare rwa 10% naho urwego rw'ubuhinzi rugira uruhare rwa 5%. Umusaruro mbumbe uteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya 7.1% mu mwaka wa 2025; 7.5% mu mwaka wa 2026, 7.4% mu mwaka wa 2027 na 7.0% mu mwaka wa 2028.


**Izamuka ry'umusaruro mbumbe hamwe n'umusaruro mbumbe k'umuturage**



## 2.2 Izamuka ry'ibiciro ku masoko

Muri Gashyantare 2025 izamuka ry'ibiciro ku masoko ryageze ku mpuzandengo ya 6.3% ugereranyije na 4.9% byariho muri Gashyantare 2024, ibi bikaba bidakabije kubera ko biri mu ntego twihaye yo kuba hagati ya 2%-8%, ibi bikaba bigaragaza izamuka ry'ibiciro ridakabije kandi ridahindagurika. Izamuka ry'ibiciro ku masoko riteganyijwe kumanuka kuva kuri 6.8% mu mwaka wa 2024 rikagera kuri 6.3% mu mwaka wa 2025 ndetse na 5% mu gihe giciriritse, iri gabanuka rigaragazwa n'uko ibiciro by'ibiribwa bizaba biri ku bipimo byo hasi ndetse na politiki y'ifaranga ihamye (tight monetary policy).

**Impuzandengo y'izamuka ry'ibiciro ku masoko (ijanisha ku mwaka)**




## 2.3 Impinduka z'ingenzi muri Politiki y'imisoro ihuriweho n'ibihugu byo mu karere k'Afurika y'Uburasirazuba (EAC), mu mwaka wa 2025/2026

Impinduka muri politiki y'imisoro ziteganyijwe mu mwaka wa 2025/2026 zigamije gukomeza kuzahura ubukungu, guteza imbere inganda z'imbere mu gihugu no kuringaniza ibipimo by'imisoro n'ibihugu byo mu karere (EAC Partner States). By'umwihariko, izi politiki zigamije gufasha umuturage kugura ibikenerwa by'ibanze, guteza imbere ibikorerwa iwacu (Made in Rwanda), kugabanya ihererekanya ry'amafaranga mu kwishyurana (cashless economy), kwihutisha gahunda yo kuzahura ubukungu mu buryo burambye ndetse no guteza imbere ibikorwa by'ubukungu bibungabunga ibidukikije. Mu mwaka wa 2025/2026 impinduka ziyo politiki y'imisoro ni izi zikurikira:

- Mu rwego rwo kwihutisha ikoreshwa ry'imodoka zikoresha ingufu z'amashanyarazi no kugabanya ibyuka bihumanya ikirere bituruka mu gukoresha ibinyabiziga bikoresha ibikomoka kuri peteroli, imodoka zikoresha ingufu z'amashanyarazi (electric cars), n'izifite moteri mberabyombi (hybrid cars), na moto zikoresha amashanyarazi, zizakomeza gusonerwa umusoro wa gasutamo (import duty).

- Mu gihe dukomeje kwakira inama mpuzamahanga no guteza imbere urwego rw'ubukerarugendo, imodoka zifite agaciro kari hejuru y'ibihumbi mirongo itandatu by'Amadorari y'Amerika (USD 60,000) zizoroherezwa imisoro ku buryo bukurikira: imodoka zitumijwe hanze (imported cars) zifite Agaciro katarenze 60,000 by'Amadorari ya Amerika zizishyura amahoro ya gasutamo ahuriweho n'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba ya 25% n'indi misoro yose isabwa kugeza ku gaciro k'ibicuruzwa bigeze muri gasutamo bitarengeje agaciro k' amadolari y'Amerika 60,000. Ibirengeje aka gaciro ntabwo bizishyura umusoro.
- Korohereza abasora ku bicuruzwa bimwe na bimwe by'ingenzi bizakorwa mu buryo bukurikira:
    - Umuceri dutumiza mu mahanga uzishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 45% aho kwishyura 75% yishyurwa mu Karere dutuyemo (EAC);
    - Ingano nta mahoro ya gasutamo zizishyura (0%) mu byari kwishyura 35%;
    - Isukari izishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 25% aho kuba 100%;
    - Ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga bicururizwa mu iguriro ryashyiriweho abakora mu nzego z'umutekano (Armed Forces Shop) nta mahoro bizishyura (0%) mu gihe byari kwishyura 25%;
    - Imashini zikora imihanda nta mahoro ya gasutamo zizishyura (0%) mu gihe zari kwishyura 10%;
    - Imodoka zitwara imizigo ku bushobozi buri hejuru ya toni 5 ariko butarengeje toni 20 zizishyura umusoro wa 10% aho kuba 25%;
    - Imodoka zitwara imizigo ku bushobozi burenze toni 20 zizishyura 10% aho kwishyura 25%;
    - Imodoka zitwara abagenzi ku buryo bwa rusange bari hejuru ya 25 zizishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 10% aho kwishyura 25%;
    - Imodoka zitwarira hamwe abagenzi 50 n'abari hejuru nta musoro zizishyura (0%) mu gihe zari kwishyura 25%;
    - Imashini nini n'ibikoresho by'ibanze bikoreshwa mu budozi bw'imyenda n'inkweto nta musoro bizishyura (0%) aho kwishyura 10% na 25%;
    - Ibicuruzwa biri ku rutonde rw'ibikoresho by'ibanze bikenerwa mu nganda (raw materials) nta musoro bizishyura (0%) aho kwishyura 10%, 25% cyangwa 35%;
    - Ibikoresho byifashishwa mu guhererekanya amafaranga mu buryo bw'ikoranabuhanga (amakarita ya za banki, utumashini dukoreshwa n'abacuruzi mu kwishyurwa) nta musoro bizishyura (0%) mu gihe byari kwishyura 25%;
    - Amavuta yo guteka azishyura umusoro wa 25% aho kwishyura 35%;
    - Mu rwego rwo guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda (Made in Rwanda), imyenda ya caguwa izishyura amahoro ya gasutamo angana n'amadorali y'Amerika 2.5/kg aho kwishyura 35%, naho inkweto za caguwa zizajya zishyura amadorari ya Amerika 5/kg aho kwishyura 35%;
    - Ibyuma bitumizwa hanze bikorwamo amabati nta musoro bizishyura (0%) mu gihe byari kwishyura 10%.
    - Mu rwego rwo kurengera inganda z'imbere mu gihugu, ibicuruzwa bimwe na bimwe bitumizwa mu mahanga bizishyura amahoro ya gasutamo ku gipimo cya 35% aho kuba 25%, ibyo bicuruzwa ni ibi bikurikira:

        i. Amatibe y'ibyuma.

        ii. Ingorofani.

        iii. Amasakoshi akoze muri pulasitiki (sheeting of plastics) cyangwa mu myenda.


# 3 Incamake y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026

## 3.1 Inkomoko y'ingengo y'imari

Amafaranga yose ateganyijwe kwinjira mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026 agera kuri **miliyari 7,032.5 z'amafaranga y'u Rwanda**. Iyi ngengo y'imari izaturuka ku mafaranga akomoka imbere mu gihugu harimo akomoka ku misoro n'amahoro n'inguzanyo z'imbere mu gihugu, inkunga n'inguzanyo z'amahanga z'abafatanyabikorwa mu iterambere.


**Inkomoko y'amafaranga azinjira mu ngengo y'imari (Miliyari Frw)**

**Amafaranga ateganyijwe mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026 hashingiwe ku nkomoko yayo (ijanisha ku ngengo y'imari yose )**




***Icyitonderwa:*** *Amafaranga yose akomoka imbere mu gihugu ndetse n'inguzanyo bifite uruhare rwa 91.7% mu ngengo y'imari yose mu gihe inkunga z'amahanga zifite uruhare rwa 8.3% by'ingengo y'imari yose.*


**Inkomoko y'amafaranga mu gihe giciritse (Miliyari Frw)**




## 3.2 Amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari

Amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari mu mwaka wa 2025/2026 aragera kuri **miliyari 7,032.5 z'amafaranga y'u Rwanda**, akaba agizwe na **miliyari 4,352.9 z'amafaranga y'u Rwanda** azakoreshwa **mu ngengo y'imari isanzwe**, mu gihe amafaranga azakoreshwa **mu ngengo y'imari y'iterambere** ateganyijwe kugera kuri **miliyari 2,679.6 z'amafaranga y'u Rwanda**, muri aya hakaba hakubiyemo miliyari 701.8 z'amafaranga y'u Rwanda azakoreshwa mu migabane ya Leta itandukanye mu ishoramari na miliyari 58.8 z'amafaranga y'u Rwanda azakoreshwa nk'igipimo cy'inguzanyo cya Banki Nkuru n'ubwizigame bwa Miliyari 56.5 z'amafaranga y'u Rwanda.


**Imirongo migari y'imikoreshereze y'ingengo y'imari (Miliyari Frw)**




# 4 Ingengo y'imari Ya 2025/2026 dukurikije inkingi za NST2

Gahunda ya kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST 2) ni imwe mu ngamba Guverinoma yashyizeho iyifasha gushyira mu bikorwa icyerekezo 2050 nk'intego y'igihugu hamwe n'izindi gahunda mpuzamahanga, ikaba kandi ifasha gusaranganya ingengo y'imari mu nkingi zayo eshatu arizo: kwihutisha iterambere ry'ubukungu, guteza imbere imibereho myiza ndetse n'imiyoborere myiza nk'uko bigaragara mu ishusho ikurikira:


**Ingengo y'imari ya 2025/2026 dukurikije inzego za NST2 (Miliyari za Frw)**




**Ingengo y'imari y'igihe giciriritse hakurikijwe inkingi za NST2 (miliyari za Frw)**



**Ingengo y'imari y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage dukurikije Intara n'Umujyi wa Kigali (Miliyari FRW)**





Ingengo y'imari y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage igizwe n'imisoro n'amahoro bikusanywa n'uturere, amafaranga yoherezwa ava mu nzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta agizwe n'amafaranga agenewe ibikorwa byihariye bikorerwa mu turere n'amafaranga atagenewe ibikorwa byihariye afasha uturere mu bikorwa byabo bya buri munsi.Ingengo y'imari igenewe ibikorwa byihariye ikubiyemo kugaburira abanyeshuri ku ishuri, amafaranga afasha amashuri kugera ku nshingano zayo , ndetse n'ingengo y'imari igenewe imbuto n'ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire. Ingengo y'imari y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage yemezwa n'inama njyanama y'akarere mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira.

# 5 Ibikorwa bihuriweho n'Inzego

## 5.1 Ibidukikije n'imihindagurikire y'ikirere

Leta y'u Rwanda yiyemeje gukomeza guhangana n'imihindagurikire y'ikirere no kurengera ibidukikije nk'imwe mu nkingi z'iterambere ry'igihugu. Ingengo y'imari y'igihugu y'umwaka wa 2025/26 yitaye by'umwihariko ku igenamigambi ryita ku guhangana n'imihindagurikire y'ikirere, binyuze mu buryo bunoze bwo gutandukanya ibikorwa byahawe ingengo y'imari birengera n'ibyangiza ibidukikije. Kugaragaza ingengo y'imari yashyizwe mu bikorwa bigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere ni uburyo bwo kugaragaza ibikorwa no gukurikirana ikoreshwa ry'amafaranga yashyizwe mu bikorwa bigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere.


**Ijanisha ry'ingengo y'Imari y'umwaka wa 2025/2026 izakoreshwa mu bikorwa bigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere**




- Ibikorwa bigabanya ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere
- Ibikorwa bigabanya ibyuka bihumanya ikirere
- Ibikorwa bigabanya ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere n'ibyuka bihumanya ikirere icyarimwe

Ibikorwa bigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026 ugereranyije n'ingengo y'imari yose bifite uruhare rungana na **7.5%.** Ishusho ikurikira iragaragaza ingengo y'imari yashizwe mu bikorwa bigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere ugereranyije n'ingengo y'imari yose izakoreshwa.

**Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2025/2026 izakoreshwa mu bikorwa bigamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere (ijanisha ku ngengo y'imari yose)**




## 5.2 Gucunga ibiza

Ibikorwa by'ingenzi bigamije kwitegura ibiza hakiri kare, gufasha abagizweho ingaruka n'ibiza no gusana ibyangijwe birimo: kongerera ubushobozi ibyuma bitanga amakuru y'ibiza bishobora kuba harimo nko gutanga ubutumwa buburira abaturage hakiri kare ikiza kigiye kuza, kurengera ubuzima binyuze mu bikorwa byo kugabanya ingaruka z'ibiza (urugero: kuzirika ibisenge by'inzu), gutanga ibikoresho by'ibanze n'ubufasha bw'isakaro ku miryango yahungabanyijwe n'ibiza.

## 5.3 Guteza imbere indyo yuzuye mu bana bari munsi y'imyaka itanu

Kugenzura ibikorwa bijyanye no kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana bari munsi y'imyaka itanu,mu itegurwa ry'igenamigambi n'ingengo y'imari byatangiranye n'umwaka wa 2022/2023 mu rwego rwo guhuza imbaraga za Guverinoma hagamijwe kurandura imirire mibi n'igwingira mu bana. Ubu buryo bwatangijwe mu rwego rwo kumenyekanisha ko guhangana n'imirire mibi ari ikibazo gihuriweho n'inzego nyinshi, bikaba bisaba gushyiraho ingamba zihuriweho mu rwego rwo gushyira hamwe igenamigambi, kumenyesha abafata ibyemezo ingamba zigamije kugera ku musaruro mwiza.

# 6 Ihame ry'uburinganire mu igenamigambi no mu ngengo y'imari

Mu rwego rwo kunoza iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari, hashyizweho ingamba zitandukanye zigamije kugenzura uko ingengo y'imari y'igihugu ikoreshwa mu gusubiza ibibazo by'abagabo, abagore, abakobwa n'abahungu. Izi ngamba ni izi zikurikira:

## 6.1 Ibikorwa by'ingenzi bigaragaza iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye byagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025

| N° | Urwego | Gahunda igaragaza iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire | Ibikorwa by'ingenzi byagezweho |
|---|---|---|---|
| 1. | Ubuhinzi n'ubworozi | Umusaruro mwinshi kandi urambye w'ubuhinzi n'ubworozi | **Gahunda ishamikiyeho: Umusaruro, imirire n'ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere byiyongereye kandi birambye.**<br>- Haguzwe kandi hatangwa toni 48,363 z'ifumbire mvaruganda ku bahinzi (Abagabo: 44.3% abagore: 55.7%).<br>- Hegitari 1330.943 z'ubutaka zarahujwe, zirimo (abagabo 44.3% n'abagore 55.7%). |
| 2. | Ubuzima | Kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana | **Gahunda ishamikiyeho: Kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana**<br>- Harimo kwagurwa inzu z'ababyeyi mu bigo nderabuzima 13 biherereye mu turere twa Musanze, Gisagara, Nyagatare na Rulindo. |
| 3. | Ubutabera | Serivisi zo kugenza ibyaha | **Gahunda ishamikiyeho: Kugenza ibyaha no kubikurikirana.**<br>- Mu rwego rwo gukurikirana ibyaha bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibyaha 4,312 byarakurikiranywe binabonerwa ibimenyetso ndetse biranakemurwa. |
| 5. | Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere | Guhangana n'imihindagurikire y'ikirere | **Gahunda ishamikiyeho: Imihindagurikire y'ikirere**<br>- Mu rwego rwo kugabanya ikoreshwa ry'inkwi hakoreshwa amashyiga ya rondereza, hatanzwe amashyiga ya rondereza ibihumbi 125,000 mu miryango itandukanye. |

| Nº | Urwego | Gahunda igaragaza iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire | Ibikorwa by'ingenzi byagezweho |
|---|---|---|---|
| 6. | Ingufu | Ingufu n'ibikomoka kuri peteroli | **Gahunda ishamikiyeho: Gutanga amashanyarazi**<br>• Mu rwego rwo gutanga amashanyarazi afatiye ku muyoboro mugari ku ngo, imiryango 23,207 iyobowe n'abagore, ihwanye na 17%. |
| 7. | Uburezi | Igenamigambi n'ihuzabikorwa by'uburezi | **Gahunda ishamikiyeho: Ibikorwa bihuriweho mu burezi**<br>• Amashuri yose ya Leta n'afashwa na Leta yigisha abanyeshuri bataha (1,522) yahawe ibikoresho by'isuku<br>• Hakozwe ubukangurambaga bwitabiriwe n'abakobwa 125 bugamije kubashishikariza kwiga amasomo ya siyansi, ikoranabuhanga, ubuhanga ngiro n'imyuga (STEM & TVET), aho bahawe ubumenyi ku ikoranabuhanga ndetse banahabwa mudasobwa. |

***Inkomoko**: Raporo zigaragaza ibikorwa byagezweho mu nzego zitandukanye n'iteganyabikorwa ndetse na raporo zigaragaza ibiteganyijwe mu kugenzura iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ngengo y'imari n'iteganyabikorwa ry'umwaka wa 2024/2025.*

## 6.2 Bimwe mu bikorwa by'ingenzi bigaragaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye biteganyijwe mu ngengo y'imari y'umwaka 2025/2026

| Nº | Urwego | Gahunda igaragaza iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire | Ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe | Ingengo y'imari iteganyijwe |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Ubuhinzi n'ubworozi | Umusaruro mwinshi kandi urambye w'ubuhinzi n'ubworozi | **Gahunda ishamikiyeho: Umusaruro, imirire n'ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere byiyongereye kandi birambye.**<br>• Kugira umubare munini w'imiryango iyobowe n'abagore yitabira gahunda yo kuhira imyaka mu mishinga itandukanye. | Miliyari 98.8 |
| 2. | Ubuzima | Kurwanya no gukumira indwara zitandura n'izo mu mutwe | **Gahunda ishamikiyeho:** Indwara zitandura<br>• Abagore bujuje ibisabwa bafite hagati y'imyaka 30 na 49 bazasuzumwa kanseri y'inkondo y'umura.<br>• Gutanga ubuvuzi bwo gutahura hakiri kare kanseri y'ibere | Miliyari 2.1 |

| Nº | Urwego | Gahunda igaragaza iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire | Ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe | Ingengo y'imari iteganyijwe |
|---|---|---|---|---|
| 3. | Uburezi | Iterambere n'imicungire by'abarimu | **Gahunda ishamikiyeho: Iterambere n'imicungire y'abarimu bo mu mashuri abanza**<br>• Abarimu bazahabwa amahugurwa ajyanye no kunoza amasomo hagamijwe gukemura ikibazo cy'abana bata ishuri. | Miliyari 2.8 |
| 4. | Ubutabera | Serivisi zo kugenza ibyaha | **Gahunda ishamikiyeho: Kugenza ibyaha no kubikurikirana**<br>• Gukaza ingamba zo gukumira, guhangana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurengera abana. | Miliyoni 816 |
| 5. | Ingufu | Ingufu n'ibikomoka kuri peteroli | **Gahunda ishamikiyeho: Gukoresha ubundi buryo bubyara ingufu**<br>• Imiryango 40,000 iyobowe n'abagore n'imiryan-go 60,000 iyobowe n'abagabo yahawe imba-bura zigezweho zigera ku bihumbi 10. | Miliyari 1.7 |
| 6. | Guteza imbere urwego rw'abikorera n'imirimo ku rubyiruko | Guteza imbere ibigo bito n'iciriritse | **Gahunda ishamikiyeho: Guteza imbere ibikorwa byo kwihangira imirimo no guhanga udushya.**<br>• Kongera igipimo cy'abagore bafite ibigo bito n'iciriritse bahawe amahugurwa ku bumenyi bw'ikoranabuhanga, ubucuruzi bukorerwa kuri murandasi no gukoresha uburyo bugezweho bwo gukora ubucuruzi hifashishijwe ikoranabu-hanga, bigatuma habaho kongera kugurisha ku murandasi no kugira uruhare runini ku masoko mpuzamahanga. | Miliyoni 78.7 |
| 7. | Guteza imbere urwego rw'abikorera n'imirimo ku rubyiruko | Kuzamura ubumenyi n'umusaruro w'urubyiruko. | **Gahunda ishamikiyeho: Kwihangira imirimo no gutanga imirimo mu rubyiruko**<br>• Gushigikira urubyiruko rufite imishinga y'ubucuruzi n'ibikorwa byo kwihangira imirimo. | Miliyoni 339 |
| 8. | Guteza imbere uburinganire n'imibereho myiza y'umuryango | Gushyiraho no guhuza politiki y'iterambere ry'uburinganire n'umuryango. | **Gahunda ishamikiyeho: Iterambere no guhuza Politiki y'Uburinganire**<br>• Kongera uburyo bwo guteza imbere ihame ry'uburinganire hifashishijwe uburyo buhindu-ra imyumvire ku myitwarire idahwitse ijyanye n'uburinganire, hibandwa ku kongera uruhare rw'abagabo mu burere bw'abana, kwita ku bo bashakanye, ibikorwa by'imirimo itishyurwa mu rugo, no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. | Miliyoni 413 |

***Inkomoko:*** *Raporo mu nzego zitandukanye igaragaza ibikorwa biteganyijwe mu kugenzura iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ngengo y'imari n'iteganyabikorwa ry'umwaka wa 2025/2026.*

# 7 Ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025

| Nº | URWEGO | IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO |
|---|---|---|
| 1 | **Ubuhinzi n'ubworozi** | - Mu rwego rwo kongera ubuso buhinzweho ibihingwa byatoranyijwe muri Gahunda yo guhuza ubutaka (land consolidation), mu gihembwe cya mbere cy'ihinga (Season A 2025), hahujwe ubutaka bungana na hegitari 778,816 buhingwaho mu buryo bukurikira: Ibigori kuri hegitari 265,970; ibishyimbo kuri hegitari 367,389; imyumbati kuri hegitari 49,427; soya kuri hegitari 5,147; umuceri kuri hegitari 15,156; ibirayi kuri hegitari 63,947; ingano kuri hegitari 5,807; naho imboga zihingwa kuri hegitari 5,974.<br>- Mu gihembwe cya kabiri cy'ihinga (season B 2025) hahujwe ubutaka bungana na hegitari 552,127, buhingwaho ku buryo bukurikira: Ibigori kuri hegitari 59,830, ibishyimbo kuri hegitari 344,077, imyumbati kuri hegitari 31,323, soya kuri hegitari 5,156, umuceri kuri hegitari 12,572, ibirayi kuri hegitari 51,121, ingano kuri hegitari 43,586, naho imboga zihingwa kuri hegitari 4,461.<br>- Mu rwego rwo kongera umusaruro, ifumbire mvaruganda ikenerwa mu buhinzi, yaraguzwe kandi igezwa ku bahinzi. Mu gihembwe cya mbere cy'ihinga (Season A 2025), hatanzwe: Toni 47,013 ugereranyije na toni 36,727 zari ziteganyijwe. Ifumbire yatanzwe harimo toni 14,452 za DAP; Toni 12,789 za ire (Urea); toni 10,454 za NPK. Hatanzwe kandi Toni 1,350 z'ifumbire ku bahinzi b'icyayi na kawa.<br>- Mu bihembwe by'ihinga byombi muri uyu mwaka (season A&B 2025); hashyizwe imbaraga mu gukora ubutubuzi bw'imbuto imbere mu gihugu, ku buryo hamaze gutuburwa Toni 24,095: Harimo Toni 7,930 z'ibigori, Toni 161 z'ingano, Toni 133 za Soya, Toni 70 z'ibishyimbo, Toni 15,472 z'ibirayi; na Toni 330 z'umuceri.<br>- Muri gahunda yo kubungabunga ubuzima bw'amatungo ndetse no kongera umusaruro ukomoka ku bworozi; inka 92,411 zatewe intanga, havuka inyana ibihumbi 36,186. Inka n'andi matungo byakingiwe indwara zitandukanye: Amatungo ibihumbi 896,320 yakingiwe indwara y'ubutaka (Black Quarter), amatungo ibihumbi 84,167 akingirwa uburenge (Foot Mouth Disease); amatungo 1,200,418 akingirwa igifuruto (Lumpy Skin Disease); amatungo 1,094,022 akingirwa ubuganga (Rift Valley Fever), naho agera ku 19,130 akingirwa amakore (Brucellosis). |

| Nº | URWEGO | IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO |
|---|---|---|
| | | Ku bijyanye na gahunda y'ubwishingizi mu buhinzi n'ubworozi, inka 29,502; inkoko 109,049 n'ingurube 13,923 zahawe ubwishingizi. Ku bijyanye n'ubwishingizi bw'ibihingwa, hegitari 29,442 z'ibihingwa zishingiwe ku buryo bukurikira: hegitari 23,220 z'umuceri, hegitari 5,204 z'ibigori, hegitari 475 z'ibirayi, hegitari 138 z'urusenda, hegitari 117 z'ibishyimbo, na hegitari 268 za soya. |
| 2 | **Inganda n'ubucuruzi** | Litiro zisaga miliyoni 67 z'amata zagejejwe ku nganda zitunganya amata (milk processing plants) ugereranyije na litiro miliyoni 63 zari ziteganyijwe.<br>Hongerewe umusaruro w'ibihingwa bisanzwe byoherezwa mu mahanga (Traditional exports) hinjizwa miliyoni 83.3 z'amadolari y'Amerika aturutse ku ikawa ugereranyije na miliyoni 110 z'amadolari y'Amerika yari ateganyijwe, Miliyoni 81 z'amadolari y'Amerika aturutse ku cyayi ugereranyije na miliyoni 96 z'amadolari y'Amerika yari ateganyijwe. Amafaranga yaturutse ku ndabo yageze kuri miliyoni 3 z'amadolari y'Amerika naho ayaturutse ku buhinzi bw'imbuto n'imboga agera kuri miliyoni 20 z'amadolari y'Amerika ugereranyije na miliyoni 16.4 z'amadolari y'Amerika yari ateganyijwe. |
| 3 | **Ingufu** | Ku bijyanye no kugeza amashanyarazi ku baturage n'ahantu hari ibikorwa by'iterambere hamwe no kongera ingano y'amashanyarazi, hubakwa ingomero z'amashanyarazi zitandukanye: Ingo zisaga ibihumbi 124 zahawe amashanyarazi afatiye ku murongo mugari (ongrid) ndetse n' ibigo 393 bihabwa amashanyarazi ugereranyije na 321 byari biteganyijwe muri uyu mwaka w'Ingengo y'Imari. Ingo hafi ibihumbi 95 zahawe amashanyarazi ashingiye ku ngufu z'imirasire y'izuba (off-grid).<br>Imirimo yo kubaka uruganda rw'amashanyarazi rwa Nyabarongo ya II (MW 43.5) igeze ku gipimo cya 44%.<br>Imirimo yo gushyiraho uburyo bwo kunoza no gucunga ikwirakwizwa ry'amashanyarazi hirya no hino mu gihugu (Distribution Management System - DMS) igeze ku gipimo cya 56.5%. |
| 4 | **Amazi, isuku n'isukura** | Mu rwego rwo kubaka, kwagura no gusana imiyoboro y'amazi mu bice by'icyaro ndetse no gusana imiyoboro y'amazi idakora, imirimo yo kubaka imiyoboro y'amazi mu karere ka Karongi (Km 152) igeze ku gipimo cya 81%, imirimo yo kubaka imiyoboro y'amazi mu karere ka Gisagara (km 320) igeze ku gipimo cya 30%, naho kubaka imiyoboro y'amazi mu karere ka Ngororero (km 168) bigeze ku musozo. |

| Nº | URWEGO | IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO |
|---|---|---|
| 5 | **Gutwara abantu n'ibintu** | • Imirimo yo gusana umuhanda wa Muhanga-Rubengera (km 24) igeze ku gipimo cya 32%.<br>• Mu rwego rwo kuvugurura (upgrading) imihanda ya Km 234 y'igitaka igahindurwamo kaburimbo, ibikorwa bigeze ku bipimo bikurikira: Ngoma-Ramiro (52.8km) ugeze ku gipimo cya 60%; Base-Butaro-Kidaho (km 63) ugeze ku gipimo cya 46.3%; Nyagatare-Rwempasha (18Km) igeze ku gipimo cya 10%; naho imirimo yo gusana umuhanda Kibugabuga-Shinga-Gasoro (Km 66) uhuza Akarere ka Bugesera na Nyanza yararangiye.<br>• Imirimo yo gusana imihanda y'imihahirano (feeder roads) ifasha kugeza umusaruro w'ubuhinzi ku masoko mu turere twa Rutsiro na Nyamasheke igeze ku bipimo bikurikira: mu karere ka Rutsiro imirimo yo gusana imihanda ya Km 41 igeze ku gipimo cya 50%, naho muri Nyamasheke imirimo yo gusana imihanda ya Km 21.5 igeze ku gipimo cya 65%.<br>• Ku bijyanye n'imihanda iteza imbere imibereho n'ubukungu bw'uturere twakiriye impunzi, mu karere ka Karongi, imirimo yo kubaka umuhanda wa Bwishyura - Kiziba (km 14.5) igeze ku gipimo cya 54%.<br>• Imirimo yo kubaka umuhanda Nyacyonga-Mukoto (km 40) igeze ku gipimo cya 16%.<br>• Imirimo ijyanye no kubaka icyambu ku kiyaga cya Kivu mu Karere ka Rusizi igeze ku gipimo cya 86%. |
| 6 | **Guteza imbere imiturire n'imyubakire** | • Imirimo y'ivugurura ry'imiturire mu Mujyi wa Kigali, by'umwihariko mu gace ka Mpazi (Mpazi Rehousing) inzu z'imiryango 688 zararangiye kandi ubu zatangiye guturwamo.<br>• Imirimo yo kubaka inzu z'imiryango 528 i Gahanga (Gahanga Estate) igeze ku gipimo cya 70%. |
| 7 | **Uburezi** | • Mu rwego rwo kugira umubare uhagije w'abarimu babyigiye kandi babifitiye ubushobozi mu byiciro byose by'uburezi, abarimu ibihumbi 6 bashyizwe mu myanya.<br>• Imirimo yo gusana no kwagura ishuri rikuru ry'ubumenyingiro, IPRC Huye igeze ku gipimo cya 96%.<br>• Imirimo yo kubaka ibyumba by'amashuri ya TVET ku bigo by'amashuri asanzwe agera ku 114 mu mirenge itari ifite TVET yararangiye.<br>• Kubijyanye no kubaka ibikorwaremezo by'amashuri, imirimo yo kuvugurura amashuri nderabarezi (TTCs) 16 igeze ku gipimo cya 85%. |

| Nº | URWEGO | IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO |
|---|---|---|
| 8 | **Ubuzima** | Imirimo yo kuvugurura no kongerera ubushobozi ibitaro bya Masaka bikaba ibitaro bya Kaminuza byigishirizwamo igeze ku gipimo cya 72%.<br><br>Kubaka inzu z'ababyeyi zagutse (maternites) mu bigo nderabuzima 13 biherereye mu turere twa Musanze, Gisagara, Nyagatare na Rulindo, muri zo 6 zaruzuye mu gihe izindi 7 nazo imirimo ikomeje kugira ngo zuzure mu gihe cyateganyijwe. |
| 9 | **Imibereho myiza** | Imiryango isaga 89,000 yahawe akazi muri gahunda ya VUP y'imirimo rusange isaba imbaraga (Classic Public works); igera ku 81,000 harimo 39,000 y'abita ku bana (caregivers) mu marerero rusange (Home Based ECDs) bahawe akazi muri gahunda y'imirimo rusange idasaba ingufu (expanded public works) mu mirenge yose y'igihugu.<br><br>Imiryango ikeneye ubufasha igera ku 51,000 kimwe n'abageze mu zabukuru bagera ku 84,000 yahawe inkunga y'ingoboka. Ababyeyi batwite bagera ku 79,000 n'abafite abana bari munsi y'imyaka 2 babarizwa mu miryango ifite amikoro make bahawe inkunga y'ingoboka.<br><br>Mu rwego rwo kwita ku bana bari munsi y'imyaka 5 bagaragaweho n'imirire mibi, abana basaga 33,000 hamwe n'ababyeyi batwite n'abonsa 12,000 bahawe ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri (Fortified Blended Food). |
| 10 | **Ubutabera** | Kwegereza abaturage ubutabera ndetse no gushimangira uruhare rwabo mu kwikemurira amakimbirane, Abunzi bakiriye imanza 24,759 aho izisaga 99% zakemuwe, naho 112 (1%) ziracyasuzumwa;<br><br>Muri gahunda yo gutanga ubufasha mu by'amategeko (MAJ), hakiriwe imanza 16,384 muri zo 99% zarakemuwe, izindi ziracyasuzumwa;<br><br>Mu rwego rwo gukurikirana ibyaha bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibyaha 4,312 byarakurikiranywe binabonerwa ibimenyetso.<br><br>Mu rwego rwo kugabanya imanza zijyanwa mu nkiko, ibirego 1,848 byakemuwe mu buryo bw'ubuhuza hagamijwe gukemura amakimbirane. |
| 11 | **Kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere** | Mu rwego rwo kongera ubuso buteweho amashyamba n'ibiti bivangwa n'imyaka, hatewe amashyamba kuri hegitari 2,556 hegitari 132,153 ziterwaho ibiti bivangwa n'imyaka. Hatewe ibiti by'imbuto bigera kuri miliyoni 2.<br><br>Mu rwego rwo kugabanya ikoreshwa ry'inkwi hakoreshwa amashyiga ya rondereza, hatanzwe amashyiga ya rondereza 125,000. |

# 8 Amwe mu mafoto agaragaza imishinga yarangiye mu mwaka wa 2024/25





Ibiro bihuriweho ku mipaka yombi bya Rusizi ya Kabiri byararangiye kandi byatashywe ku mugaragaro





Umuhanda wa Pindura- Bweyeye (km 32) wararangiye



Umuhanda Kibugabuga-Shinga-Gasoro ungana na km 66.5 wararangiye



Imirimo yo kubaka no gutunganya ibidukikije (landscaping) ndetse n'iyerekeye gusana no gusubiranya ahangiritse mu Mujyi wa Kigali



Icyambu cya Rubavu cyararangiye kiranatahwa



Umushinga wo kongera gutuza abaturage wa Mpazi wararangiye

# 9 Imishinga y'ingenzi iri mu ngengo y'imari ya 2025/2026 hakurikijwe inkingi za NST2

| N° | INKINGI ZA NST2 /UMUSHINGA | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyari Frw) |
|---|---|---|
| **Inkingi yo Kwihutisha Iterambere ry'Ubukungu** | | |
| 1 | Umushinga wo gushyigikira ubukerarugendo bushingiye ku kwakira inama | 119.4 |
| 2 | Umushinga wo guteza imbere ubuhinzi bugamije ubucuruzi no kugabanya ibibubangamira (CDAT) | 44.8 |
| 3 | Umushinga wo gukwirakwiza amashanyarazi | 41.1 |
| 4 | Kwishyura Sitade Amahoro | 38.6 |
| 5 | Umushinga wo kuzamura inganda (Iyubakwa ry'inyubako ebyiri zigezweho z'imirimo y'inganda). | 31.0 |
| 6 | Umushinga wo kubaka urugomero rw'amazi rwa Muvumba | 28.3 |
| 7 | Umushinga wo gukomeza gukwirakwiza umuriro w'amashanyarazi hirya no hino mu gihugu uterwa inkunga na EAQIP/WB | 27.5 |
| 8 | Ibikorwa bigamije kubungabunga ibidukikije | 26.3 |
| 9 | Gahunda y'Igihugu yo kugeza ku banyarwanda bose amashanyarazi yatewe inkunga n'Ikigega cya EIB. | 21.4 |
| 10 | Umushinga wo guteza imbere ibikorwaremezo by'imihanda mu mujyi wa Kigali no mu mijyi yunganira Kigali (Icyiciro cya Kabiri) | 19.5 |
| 11 | Iterambere ry'urwego rw'abikorera mu ikoranabuhanga n'itumanaho. | 18.8 |
| 12 | Umushinga wo guteza imbere ubworozi bw'inka mu Rwanda – Icyiciro cya Kabiri (RDDP-2) | 17.4 |
| 13 | Umushinga wo guteza imbere kuhira hibandwa ku bihingwa byoherezwa mu mahanga | 16.7 |
| 14 | Umushinga wo kwagura umuhanda Prince House-Giporoso-Masaka ungana na Km 10. | 15.9 |
| 15 | Umushinga wo kubaka imihanda itandukanye mu mujyi wa Kigali | 15.0 |

| Nº | INKINGI ZA NST2 /UMUSHINGA | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyari Frw) |
|---|---|---|
| 16 | Umushinga wo gutera inkunga imishinga mishya igamije guhanga udushya; | 14.8 |
| 17 | Umushinga wo kubaka ibigega bya litiro Miliyoni 60 by'ibikomoka kuri peteroli I Rusororo | 14.7 |
| 18 | Umushinga wo gushyiraho ishuri ry'icyitegererezo mu bijyanye na serivisi z'indege. | 13.9 |
| 19 | Umushinga wo gutunganya ibishanga mu mujyi wa Kigali | 13.8 |
| 20 | Umushinga wo kwagura sisitemu y'indangamuntu koranabuhanga no kwemeza umwirondoro w'umuntu hakoreshejwe ikoranabuhanga | 13.3 |
| 21 | Umushinga wo gukomeza gukwirakwiza umuriro w'amashanyarazi hirya no hino mu gihugu uterwa inkunga na EAQIP/AFD | 13.2 |
| 22 | Umushinga wo guteza imbere ibikorwa byo kuhira no kubungabunga amabanga y'imisozi mu Karere ka Kayonza icyiciro cya II | 12.9 |
| 23 | Guteza imbere ubworozi bw'inka zitanga amata mu Rwanda binyuze mu kongera ubushobozi bw'ibigo bikusanya amata. | 12.6 |
| 24 | Umushinga wo kwagura urwego rw'itangwa ry'umuriro w'amashanyarazi mu Rwanda ku nkunga y'ikigega cya Koreya (KOREA EDCF). | 10.5 |
| **Inkingi yo guteza imbere imibereho myiza** | | |
| 1 | Umushinga wo gukomeza kubaka ibyumba by'amashuri | 7.4 |
| 2 | Umushinga wo guteza imbere uburezi bufite ireme mu Rwanda | 24.7 |
| 3 | Umushinga w'uburezi bwiza bw'ibanze bugamije kubaka ubushobozi mu Rwanda | 17.7 |
| 4 | Umushinga wo guteza imbere uburezi bufite ireme mu Rwanda binyuze mu mushinga wa Rwanda equip | 19.0 |
| 5 | Guteza imbere uburyo burambye kandi bufite ireme mu mitangire ya serivisi, gukuramo inda mu buryo butekanye ku mpamvu zumvikana, ndetse no kunoza serivisi z'ubuzima bw'imyororokere. | 18.0 |
| 6 | Guteza imbere Ubuzima bw'ibanze mu Rwanda binyuze mu guteza imbere abakozi bakora muri serivisi z'ubuzima – Igenamigambi ryo kongera umubare w'abaganga muri gahunda ya 4x4 mu bakozi batanga serivisi z'ubuzima mu gihugu. | 2.6 |
| 7 | Umushinga wo gutanga ibikoresho by'urwego rw'ubuzima | 20.5 |

| Nº | INKINGI ZA NST2 /UMUSHINGA | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyari Frw) |
|---|---|---|
| 8 | Umushinga wo gukomeza guhangana n'agakoko gatera SIDA. | 45.0 |
| 9 | Umushinga wo gukomeza kurwanya igituntu | 6.9 |
| 10 | Umushinga wo gukomeza kurwanya Malariya | 29.7 |
| 11 | Umushinga wo kurwanya igwingira n'imirire mibi mu bana | 44.0 |
| 12 | Umushinga wo gukomeza guhangana n'ingaruka za COVID-19 | 12.9 |
| 13 | Umushinga wo gukwirakwiza amazi mu mujyi wa Kigali | 13.0 |
| 14 | Umushinga wo gukwirakwiza amazi meza, n'ibikorwa by'isuku n'isukura mu buryo burambye (AfDB Program) | 48.2 |
| 15 | Umushinga wo kongerera ubushobozi uruganda rw'amazi rwa Karenge | 6.6 |
| 16 | Umushinga wo guteza imbere imitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze | 20.0 |
| 17 | Umushinga wo kubaka no kuvugurura ibikorwaremezo by'ibanze (inyubako z'amashuri n'ibigo nderabuzima) hagamijwe guteza imbere imibereho myiza y'impunzi n'imiryango yakiriye impunzi. | 9.8 |
| 18 | Kongerera ubushobozi ibyuma bitanga amakuru y'ibiza n'ibikorwa by'ubutabazi | 16.2 |
| 19 | Umushinga wo gutanga ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri ku bana bari hagati y'amezi atandatu kugeza ku mezi makumyabiri n'ane n'abagore batwite ndetse n'abonsa (Fortfied Blended Food) | 15.0 |
| **Inkingi y'imiyoborere myiza** | | |
| 1 | Umushinga wo kuvugurura inyubako z'ibiro zitandukanye | 7.0 |
| 2 | Umushinga wo kubaka ishuri rikuru rishinzwe ubutasi | 9.4 |
| 3 | Umushinga wo gukora pasiporo koranabuhanga | 7.0 |
| 4 | Umushinga wo kugura ibikoresho n'imodoka zifashishwa mu kuzimya inkongi z'umuriro ndetse no gutabara abari mu kaga | 4.5 |
| 5 | Gushyigikira Ubutabera, ubwiyunge no kugendera ku mategeko hagamijwe gutanga serivisi z'ubutabera zinoze kandi ziboneye kuri bose | 2.2 |
| 6 | Umushinga wo guteza imbere imitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze | 3.3 |
| 7 | Umushinga wo gutunganya ibishanga mu mujyi wa Kigali | 27.0 |

# 10 Imishinga y'ingenzi iri mu ngengo y'imari ya 2025/2026 mu nzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage

| AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyoni za Frw) |
|---|---|
| **AKARERE KA NGOMA** | |
| Umushinga wo kurangiza kubaka sitade ya NGOMA (kwishyura ibirarane) | 1,451 |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 991 |
| Umushinga wo kubaka umuhanda urimo kaburimbo yoroheje (chip seal) ifite Km3 wa Vundika-Vivante | 823 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 284 |
| **AKARERE KA BUGESERA** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,189 |
| Umushinga wo kurangiza kubaka sitade ya Bugesera (kwishyura ibirarane) | 1,097 |
| Kugura ubutaka bwo guhingaho ubwatsi bw'amatungo y'abatujwe mu mudugudu w'icyitegererezo wa Rweru | 491 |
| Umushinga wo gufasha imiryango itishoboye | 388 |
| **AKARERE KA GATSIBO** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,793 |
| Umushinga wo kwagura umuhanda urimo kaburimbo yoroheje (chip seal) ifite Km 3.43 | 570 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 549 |
| Umushinga wo kwagura umuyoboro w'amazi wa MINAGO mu mirenge ya Rugarama na Rwimbogo | 303 |

| AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyoni za Frw) |
|---|---|
| **AKARERE KA KAYONZA** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 817 |
| Umushinga wo kubaka urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 rwa Mukarange, icyiciro cya gatatu (Inzu y'Amateka) | 250 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 235 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 321 |
| **AKARERE KA KIREHE** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 914 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 346 |
| Umushinga wo kwita ku bana mu miryango | 186 |
| Umushinga wo guteza imbere ibikorwa byo kuhira ku buso buto | 150 |
| **AKARERE KA NYAGATARE** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 3,707 |
| Umushinga wo kurangiza kubaka Sitade ya Nyagatare (kwishyura ibirarane) | 1,451 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,171 |
| Gukurikirana ibikorwa by'ubuvuzi bw'amatungo harimo gutanga inkingo no gutera intanga | 275 |
| **AKARERE KA RWAMAGANA** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,667 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 363 |
| Kubaka inzu abanyeshuri bacumbikamo ku ishuri ryisumbuye rya Muhazi. | 348 |
| Gusana amatara yo ku mihanda mu Karere ka Rwamagana. | 230 |
| **AKARERE KA HUYE** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 623 |
| Umushinga wo kubaka umuhanda wa kaburimbo werekera mu cyanya cy'inganda | 500 |
| Umushinga wo gufasha imiryango itishoboye | 323 |

| AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyoni za Frw) |
|---|---|
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 288 |
| **AKARERE KA NYAMAGABE** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,797 |
| Kubaka umuyoboro w'amashanyarazi wa Rambya-Bushigishigi-Kizimyamuriro | 594 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 371 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 292 |
| **AKARERE KA GISAGARA** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,138 |
| Umushinga wo kubaka umuhanda urimo kaburimbo yoroheje (chip seal) ifite Km3 mu murenge wa SAVE (KARAMA-GITOKI) | 828 |
| Umushinga wo kwimura abaturage ahazubakwa ibikorwaremezo mu nyungu rusange | 392 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 319 |
| **AKARERE KA MUHANGA** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 461 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 201 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 180 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 100 |
| **AKARERE KA KAMONYI** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 364 |
| Umushinga wo gusana no kwagura umuyoboro w'amazi wa Mbizi | 344 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 223 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 199 |

| AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyoni za Frw) |
|---|---|
| **AKARERE KA NYANZA** | |
| Umushinga wo kubaka umuhanda wa serikire (Cercle) Gatagara - HVP Gatagara ufite km 2, Ishuri rya GIRIMPUHWE ufite km 0.4, Umuhanda w'ikaragiro rya Nyanza - Urukiko Rukuru (0.47km), hamwe n'umuhanda KAVUMU_UNILAK wa Km 0.24. | 978 |
| Umushinga wo gusana ibiraro n'imihanda | 500 |
| Umushinga wo kubaka umuhanda w'igitaka wa Karama-Kadaho wa Km 10.5 no kuvugurura inyigo y'umuhanda wa Nyarusange-Nyabinyenga-Kigogo-Karama na Kigogo-Mpanga wa Km 24.5. | 500 |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 462 |
| **AKARERE KA NYARUGURU** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,486 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 278 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 264 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 246 |
| **AKARERE KA RUSIZI** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,585 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 330 |
| Umushinga wo gufasha imiryango itishoboye | 286 |
| Umushinga wo kwimura abaturage ahazubakwa ibikorwaremezo mu nyungu rusange | 285 |
| **AKARERE KA NYABIHU** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 2,965 |
| Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amazi ufite km 139.959 mu mirenge ya Mukamira –Rurembo-Karago-Kintobo na Rugera ufatiye ku isoko ya Mutera | 2,595 |
| Umushinga wo kubaka ikigo nderabuzima cya Guriro mu murenge wa Jomba. | 445 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 334 |

| AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyoni za Frw) |
|---|---|
| **AKARERE KA RUBAVU** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 2,565 |
| Umushinga wo kwimura abaturage ahazubakwa ibikorwaremezo mu nyungu rusange | 253 |
| Kwagura ibikorwaremezo by'amarerero rusange (ECD) no kunoza serivisi zihatangirwa. | 212 |
| Umushinga wo gufasha imiryango itishoboye | 192 |
| **AKARERE KA KARONGI** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 976 |
| Umushinga wo gusana no kwagura ibikorwaremezo by'amazi, isuku n'isukura | 928 |
| Umushinga wo kubaka ibiraro bitandukanye mu Karere ka Karongi | 751 |
| Guha abakora mu marerero ibibafasha kugera ku nshingano zabo neza | 278 |
| **AKARERE KA NGORORERO** | |
| Umushinga wo kubaka no gusana imiyoboro y'amazi ingana na Km 166.112 mu mirenge ya Ndaro, Gatumba, Muhororo, Ngororero, Hindiro, Matyazo, na Kavumu. | 1,212 |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,361 |
| Umushinga wo kubaka umuhanda wa Gatumba-Gashubi-Ndaro-Nyange ufite km 45.6 | 239 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 308 |
| **AKARERE KA NYAMASHEKE** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,443 |
| Gahunda yo gutoranya, gutegura imishahara y'ukwezi ndetse no kohereza inkunga y'ingoboka ku bafatanyabikorwa ba VUP/DS | 677 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 285 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 124 |

| AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyoni za Frw) |
|---|---|
| **AKARERE KA RUTSIRO** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,167 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 208 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 203 |
| Guha abakora mu marerero ibibafasha kugera ku nshingano zabo neza | 176 |
| **AKARERE KA BURERA** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 2,820 |
| Umushinga wo gusana umuhanda wa Gahunga-Kidaho-Nyagahinga ufite Km 17. | 1,108 |
| Umushinga wo kwimura abaturage ahazubakwa ibikorwaremezo mu nyungu rusange | 853 |
| Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amazi wa Mugano-Nemba (utanga amazi ukoresheje imashini zizamura amazi) mu Karere ka Burera ufite km 29.5 | 650 |
| **AKARERE KA GICUMBI** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 832 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 722 |
| Umushinga wo kubaka urwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 rwa Mutete | 567 |
| Umushinga wo kubaka aho abanyeshuri barara mu kigo cy'amashuri cya Don Bosco mu murenge wa Rushaki | 297 |
| **AKARERE KA MUSANZE** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 3,178 |
| Umushinga wo kwagura umuyoboro w'amazi wa Gakangaga Munindi. | 1,101 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 573 |
| Umushinga wo kwimura abaturage ahazubakwa ibikorwaremezo mu nyungu rusange | 482 |

| AKARERE N'UMUJYI WA KIGALI | Ingengo y'imari ya 2025/2026 (Miliyoni za Frw) |
|---|---|
| **AKARERE KA RULINDO** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 840 |
| Umushinga wo gutanga imbuto z'ibigori ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 234 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye iyobowe n'abagabo n'abagore badafite akazi | 189 |
| Umushinga wo kwimura abaturage ahazubakwa ibikorwaremezo mu nyungu rusange | 161 |
| **AKARERE KA GAKENKE** | |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 1,438 |
| Umushinga wo kwagura umuhanda urimo kaburimbo yoroheje (chip seal) Gakenke -Nemba ufite km 1.3 | 537 |
| Umushinga wo gusana umuhanda ufasha kugeza umusaruro w'ubuhinzi ku masoko wa Nkoto-Coko -Nyange –Gahira ufite km 19.5. | 499 |
| Umushinga wo kwimura abaturage ahazubakwa ibikorwaremezo mu nyungu rusange | 435 |
| **AKARERE KA RUHANGO** | |
| Umushinga wo kwagura imiyoboro y'amazi mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Ntongwe ifite 79.4 km. | 895 |
| Umushinga wo gutanga ifumbire mvaruganda ku bahinzi binyuze muri nkunganire | 329 |
| Umushinga wo gutanga inkunga y'ingoboka ku miryango itishoboye | 242 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 238 |
| **UMUJYI WA KIGALI** | |
| Umushinga wo kubaka imihanda itandukanye mu mujyi wa Kigali | 15,000 |
| Gutanga indishyi ikwiye ahimuwe abaturage ku bikorwa byangijwe n'umushinga wa PARKLANE - Kimihurura. | 3,439 |
| Gutanga indishyi ikwiye ahimuwe abaturage ku bikorwa byangijwe n'iyubakwa ry'umuhanda wa Green Hills-Kibagabaga | 1,177 |
| Umushinga wo kubakira abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka wa 1994 | 462 |

# 11 Uburyo bwo gutanga udutabo dusobanura Ingengo y'Imari no kwakira ibitekerezo

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) ibinyujije mu ishami ryayo rishinzwe ingengo y'imari y'igihugu, ku bufatanye n'Impuzamiryango iharanira uburenganzira bwa muntu mu Rwanda (CLADHO) ku nkunga ya Norwegian People's Aid (NPA), igeza udutabo dusobanurira ingengo y'imari umuturage mu turere twose tw'igihugu no ku miryango itari iya Leta.

Kugira ngo ubutumwa bukubiye mu gatabo bugere ku muturage, ku bufatanye n'akarere, abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge mu gihugu hose baratumirwa, bagasobanurirwa intego n'akamaro by'agatabo gafasha umuturage gusobanukirwa ingengo y'imari. Muri uyu mwaka, CLADHO irateganya kwifashisha uburyo bw'ikarita nsuzumamikorere mu nteko z'abaturage ku rwego rw'akagari mu gutanga udutabo no gukusanya ibitekerezo bivuye mu baturage nka bumwe mu buryo bwo kugenzura no kumenya neza ko utu dutabo twagize uruhare mu kongera uruhare rw'umuturage mu gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari.

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) izageza udutabo dusobanurira ingengo y'imari umuturage ku mashuri yatoranyijwe yaba ayisumbuye ndetse na za kaminuza mu gihugu hose. Udutabo turi mu rurimi rw' Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza dushyirwa ku rubuga rwa MINECOFIN kugira ngo buri wese ubishoboye atubone.

Mu gihe cyo gutanga udutabo dusobanura ingengo y'imari y'umwaka wa 2024/2025, bamwe mu banyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge basabye ko umubare w'udutabo twanditse mu rurimi rw'Igifaransa wagabanywa, hakongerwa umubare w'udutabo twanditse mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Ku rundi ruhande, amashuri yisumbuye na Kaminuza basabye kongera umubare w'udutabo twanditse mu rurimi rw'icyongereza. Ibi bikaba byaritaweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026.

# 12 Aho wakura amakuru ajyanye n'ingengo y'imari n'abafatanyabikorwa

**Ukeneye kubona amakuru arambuye ku bijyanye n'Ingengo y'Imari wasura imbuga zikurikira:**

- Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi: https://www.minecofin.gov.rw/
- Ibigo bya Leta bigenerwa Ingengo y'Imari: https://www.gov.rw/cabinet#c147
- Inteko Ishinga Amategeko: https://www.parliament.gov.rw/
- Inama Njyanama z'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage
- Ibiro by'umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta: https://www.oag.gov.rw/index.php?id=2
- Imiryango itari iya Leta n'urwego rw'abikorera: https://cladho.org.rw/

Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi

CLADHO